CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'167 Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA KU ITARIKI YA 26 KUGEZA KU YA 29 NZERI 2029

Inteko rusange isanzwe y'167 y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali kuva ku itariki ya 26 kugeza ku ya 29 Nzeri 2023. Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arkiyepiskopi wa Kigali akaba akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda (C.EP.R) ni we watangije imirimo y'Inteko rusange n'isengesho.

Imirimo y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yabimburiwe no kwakira abagize Inteko Rusange ari na bo bayitumiwemo bakanayitabira bose. Perezida w'inama yakiriye buri wese aboneraho kwishimira no kwifuriza Nyiricyubahiro Musenyeri Balthazar NTIVUGURUZWA, Umwepiskopi mushya wa Kabgayi, ubutumwa bwiza nyuma yo guhabwa inkoni y'ubushumba ku wa 17 Kamena 2023.

Ashoje ijambo ryo kubakira no kwibutsa abayitabiriye ingingo z'ingenzi zizasuzumwa, Umuyobozi w'Inteko rusange yahaye umwanya Intumwa ya Papa mu Rwanda kugira ngo ageze ku Bepiskopi ubutumwa yabageneye. Yahereye ku gushimira ubutumire akurikizaho gushishikariza buri wese kuzirikana mu isengesho no mu butumwa bwa buri munsi imirimo y'Inteko Rusange Isanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi igiye kubera i Roma kuva tariki 4 – 29 Ukwakira 2023. Kiliziya Gatolika mu Rwanda ihagarariwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Eduwaridi SINAYOBYE, Umwepiskopi wa Cyangugu, iruhande rw'abandi batumirwa 362 bazaturuka ku isi hose. Yashoje abifuriza ko Umuryango w'Imana barangaje imbere wokomeza gukungahara mu mico myiza iranga abagendera hamwe muri Yezu Kristu, We Nzira n'Ukuri n'Ubugingo.

Abepiskopi basangiye uko iyogezabutumwa rikomeje kugenda muri Kiliziya iri ku isi hose cyo kimwe n'ubutumwa bakoreye mu madiyosezi yabo muri aya mezi ane atambutse.

Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda inzego 17 zayo zigizwe n'amaserivisi n'amakomisiyo anyuranye hamwe n'amaseminari makuru zagejeje ku Nteko Rusange imbonerahamwe y'imirimo yakozwe mu mwaka w'iyogezabutumwa twashoje ku wa 31 Kanama 2023 hamwe n'uburyo imari yakoreshejwe muri ibyo bikorwa. Wabaye nanone umwanya mwiza wo kugaragaza ibiteganyijwe gukorwa hamwe n'ingengo y'imari izakenerwa muri ibyo bikorwa mu mwaka w'iyogezabutumwa twatangiye ku wa mbere Nzeri 2023.

Abayobozi ba Seminari nkuru za Rutongo, Nyumba, Kabgayi na Nyakibanda bamuritse raporo n'ingengo y'imanri y'umwaka w'amashuri w'2023–2024 kandi byemezwa n'Abepiskopi banabashishikarije gukomeza kwagura umushyikirano n'abafatanyabikorwa batandukanye.

N'izindi nzego zinyuranye z'iyogezabutumwa: Ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepiskopi n'urukiko rwa Kiliziya, Kinyamateka na Radio Maria Rwanda, ni Komisiyo shishikariza abakristu kugira uruhare mu bikorwa by'Iyogezabutumwa rya Papa ku isi, urwita ku burezi gatolika n'urushinzwe imyigishirize y'iyobokamana, Komisiyo y'abalayiki n'iy'urubyiruko, iy'ubutabera n'amahoro, iyita ku muryango n'ishinzwe icungamutungo zatanze raporo y'umwaka ushize n'ingengo y'imari y'umwaka mushya w'ikenurabushyo 2023 – 2024.

Muri rusange amaseminari yose ahagaze neza mu muhamagaro, mu myigire n'imyigishirize n'ubwo hari ingingo nshya zigomba kongerwamo cyangwa kunonosorwa mu rwego rwo gusigasira no kunoza neza uburyo bwo gutegura abatorewe umurimo w'alitari. Umubare w'abarezi bayatuyemo ukeneye kongerwa. Icungamutungo ry'amaseminari makuru yose rihagaze neza kandi ibyateganyirijwe umwaka w'ishuri uzatangira ku wa 30 nzeri 2023 birashoboka mu bufatanye dusanganye. Yose akomeje kwisuganya ngo akore n'ibindi bikorwa byo kongera umutungo bwite. Amaseminari makuru yose uko ari ane akereye urugendo nyobokamana azakorera i Kibeho ku wa 7 Ukwakira 2023 ku umunsi ngarukamwaka tunazirikanaho abapadiri babiri ba mbere b'abanyarwanda bahereweho isakramentu ry'ubusaserdoti mu 1917.

N'andi ma serivisi na komisiyo z'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda akomeje gutera intambwe nzinza mu icungamutungo. Ibikorwa byayo n'imishinga yiga byose bigamije gufasha abantu bose guhura na Yezu Kristu, Umukiza n'Umucunguzi. Abepiskopi bashishikarije abayobozi ba Seminari nkuru n'ab'inzego zinyuranye z'iyogezabutumwa gukomeza kunoza ibaruramari n'icungamutungo ry'umwuga hamwe kwiga uburyo bwiza bwababafasha kwigira no kunganirana.

Abepiskopi bafashe akanya ko kwiga ku zindi ngingo zigamije gutezanya imbere no kwitegura kwinjira mu mihimbazo ya za Yubile z'impurirane, iy'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa benemuntu n'imyaka 125 u Rwanda ruzaba rumaze rwakiriye Ivanjili ya Yezu Kristu, Umwana w'Imana nzima. Ibaruwa itegurira abakristu kwinjira mu mwaka wa yubile nyirizina ikubiyemo n'ingengabihe y'ihimbazwa ryayo izatangazwa ku cyumweru cya mbere cya adventi, ku itariki 3 ukuboza 2023 ahazasomerwa misa hose.

Imwe mu myanzuro yemejwe n'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda n'iyi ikurikira :

1. Abepiskopi bemeje ko Amaseminari makuru azatangira umwaka w'amashuri ku wa **29 Nzeri 2023**. Baboneyeho kwifuriza abafaratiri n'abarezi babo umwaka mwiza w'amasomo no kwitagatifuriza hamwe.
2. Abepiskopi bemeje ko ku cyumweru cya 26 gisanzwe, ku itariki ya **01 Ukwakira 2023,** ahazabera misa hose bazasabira Inteko Rusange Isanzwe ya 16 ya Sinodi izateranira i Vatikani kuva ku wa 4 kugeza ku wa 29 Ukwakira 2023. Ndetse barasaba ko no mu minsi izakurikiraho abakristu bakomeza gusabira iyo Nteko ya Sinodi mu misa zo ku mibyizi ndetse no mu masengesho ya nimugoroba.
3. Ibaruwa itegurira abakristu kwinjira neza muri Jubile z'impurirane izasomerwa mu misa n'imihimbazo y'Ijambo ry'Imana ku cyumweru cya mbere cya adiventi ku itariki 03/12/2023. Insanganyamatsiko yayo ni iy ngiyi: «**Turangamire Kristu, Soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro**».
4. Gahunda irambuye y'ihimbazwa rya Yubile n'iyi ngiyi:
   Ku wa 10/02/2024: tuzatangira ku mugaragaro urugendo rwa Yubile i Kabgayi.
   Ku wa 06/07/2024: tuzahimbaza isakramentu rya batisimu i Zaza muri Diyosezi ya Kibungo.



CamScanner

Ku wa 25/08/2024: tuzahimbaza ikenurabushyo ry'urubyiruko mu Ruhengeri tunasoza forumu y'urubyiruko.
Ku wa 08/12/2024: tuzahimbaza isakramentu ry'Ukarisyiya tunasoza Ikoraniro ry'Ukarisitiya i Butare.
Ku wa 02/02/2025: tuzahimbaza ingabire y'ukwiyegurira Imana, i Kibeho muri Diyosezi ya Gikongoro.
Ku wa 15/06/2025: tuzahimbaza isakramentu ry'ubusaseridoti, i Shangi muri Diyosezi ya Cyangugu.
Ku wa 02/08/2025: tuzahimbaza ikenurabushyo ry'umuryango, ku Nyundo.
Ku wa 08/11/2025: tuzahimbaza ubutumwa bw'abalayiki, i Byumba.
Ku wa 06/12/2025: tuzasoza Yubile I Kigali.

5. Itsinda rishinzwe kunoza imiterere, imikorere n'imikoranire y'inzego ryongewemo Abepiskopi batatu nk'amaraso mashya azafasha mu kwihutisha uwo murimo wa ngombwa.
6. Abepiskopi barashishikariza abapadiri bose n'abalayiki bose kwita no gufatanya byisumbuye mu guteza imbere serivisi y'ubusugire bw'ingo kuko ifasha cyane mu kubungabunga umuryango. Buri Paruwasi yagombye kugira nibura umufasha w'ingo umwe.
7. Abepiskopi basabye amakomisiyo yose gushishikarira guhuza imbaraga n'ubunararibonye kugira ngo ibikorwa byayo birusheho kuzuzanya bigamije Ingoma y'Imana iwacu.

Muri byose, nk'uko Nyirubutungane Papa Fransisko abidushishikariza, abakristu twese twiyubakire Kiliziya yunze ubumwe, mu bufatanye no mu butumwa.

Inama yasojwe n'isengesho ku wa 29 Nzeri 2023 i saa saba n'iminota 45 (13h45).

Bikorewe i Kigali ku wa 29 Nzeri 2023

**Padiri Martin NIZIGIYIMANA,**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ **Vincent HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa Ruhengeri akaba na Visi-Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.



CS CamScanner